Bwenge ati mugikoni wumva izina lyawe gusa

Umukozi wo mu rugo witwaga Bwenge yakundaga kwiba inzoga ya boss yamara gusomaho akongeramo amazi, noneho boss amaze kumuvumbura azana inzoga basukamo amazi igahinduka nk'amata. Nuko asohotse umukozi aba aragotomeye, ngo yongeremo amazi iba ihindutse nk'amata biramuyobera.

Boss atashye ahamagara madam ati "ubu simfashe umujura w'inzoga yanjye hano mu rugo?" ahera ko ahamagara umukozi Boss: Bwenge we! Bwenge: karame databuja Boss: ninde wanywereye ku nzoga ubu?? Bwenge: (cwe araceceka) Boss: (numujinya mwinshi) Bwenge siwowe mbaza mushenzi? Bwenge cwe! aryumaho) Nuko boss afungura umuryango w'igikoni abaza bwenge ati "kuki nguhamagara ukitaba nakubaza ntunsubize?"

Bwenge: Ni ukuri boss uri hano mu gikoni nta kintu ushobora kumva uretse izina ryawe gusa, niba ubihakana injiramo nawe ubyumve.

Maze Boss yinjiramo ngo arebe niba atari agasuzuguro k'umukozi we koko.

Bwenge ajya hanze atangira guhamagara.

Bwenge: Boss

Boss: Yego ndakumva sha kado!

Bwenge: Ninde winjira mu cyumba cy'umuyaya iyo madamu yagiye kukazi?

Boss: (cwe araceceka)

Bwenge: si wowe mbaza ariko Boss? ninde warongoye umuyaya madamu adahari??

Boss: (cwe! Nawe aryumaho) Boss ahita atanguranwa arasohoka ngo Bwenge adakomeza no kubariza icyo kibazo hejuru Madam akumva.

Boss ati: "uziko koko Bwenge avuga ukuri sha hano wumva izina ryawe gusa pe ndumiwe!!!!!!!!"

Ayubusa ariko madam yari yamaze kubumva bombi maze arabisha, arasara arasizora ati "musubiremo neza ibyo mwavugaga"

Bwenge: Rwose mabuja twari tubonye ko uri mu gikoni yumva izina rye gusa ariko niba awe ubihakana injiramo wiyumvire!!!

N'umujinya mwinshi aba asimbukiye mu gikoni yegekaho.

Bwenge: Mabuja!

Madam: Ndakumva Bwenge we!

Bwenge: Ninde waguteye iyo nda hagati yanjye na Boss?

Madam: (cwe! araceceka)

Bwenge: Ni wowe mbaza mabuja! iyo nda ni iyande hagati yanjye na Boss?

Madam: (cwe! Nawe ntiyakoma) Maze nawe asohoka yabize icyuya, ati "uziko mu gikoni usibye no gushyuha cyane umuntu yumva izina rye gusa koko! Mbega!"